

UBURYO BITA KU BUHINZI BW'INDABO KUGIRA NGO ZISHOBORE GUTANGA
UMUSARURO MWIZA (Kongerera umusaruro)

Gutegura ubuhumbikiro bw'indabo.

Umuhinzi wese wifuzza gutegura ubuhumbikiro bw'indabo agomba kwita kuri ibi bikurikira kugira ngo abone imbuto nziza zo gutera mu murima we.

Indabo dufite mu Rwanda inyinshi haterwa ibijumba byazo cyangwa ibishibu. Urugero ni nkindabo za carnation aho ushobora gukoresha udushibu utunyujije mu buhumbikiro icyo igithe ukoresha umutabo wa 1.5m z'ubugali kuri 5m z'uburere ukaba ufite ubuhinge nibura bwa 25cm z'ubuhagarike ,ufumbiye kandi uhitisha amazi atari ubutaka bw'ibumba. Udushibu twa carnation duterwa muri uwo mutabo tuba dufite nibura hagati ya 5cm-10cm z'uburebure zigaterwa kuri 45cm hagati y'umurongo n'undi na 15cm hagati y'agashibu nakandi



Gutera utanyujije mu buhumbikiro

Gutera utanyujije mu buhumbikiro ntabyo birakorwa mu ndabo dufite hano mu rwanda aho ushobora gutera ukoresheje ibijumba cyangwa ibishibu. Ibi bikaba bikorwa ku ndabo zikurikira:

Indabo zihingwa hakoreshwu ibishibu

1. **Tuberose**
2. **Asters**
3. **Carnation**



Indabo zihingwa hakoreshejwe ibijumba

1. **White alum**
2. **Gladiolus**
3. **Heliconia**
4. **Agapanthus**
5. **Astromeria**
6. **Estonia**
7. **Ornus**



Indabo zihingwa hakoreshejwe imbuto (imbuto ntizikunze kuboneka mu Rwanda)

1. **Delphinium**



Ingero zikoreshwa mu buhinzi bw'indabo

Mbere yo guhinga indabo mu buryo bwa kijyambere, habanza gutegurwa umurima ugahingwa neza kuburyo nibura isuka igera mu bujyakuzimu bwa 45 cm, hagahingwa neza kuryo nta rwiri rusigara mu murima. Aho bishoboka hakoreshwa imachine zihinga.



Ingero zikurikizwa

- Umutabo uhingwamo indabo niwa 1m z'ubugari.
- Hagati y'umutabo n'undi 50cm
- Guhinga indabo hagati y'ururabo n'urundi usiga hagati ya 20 cm na 30cm bitewe n'ubwoko bw'indabo
- Kubera ko haterwa hakurikije uburyo indabo zigaragara mu mikurire hagati y'umurongo n'undi ni cm na 45cm



Imirimo ikorerwa ubuhinzi bw'indabo

- Kubagara bikorwa hashize ukwezi uteye ni igihe cyose ubonye urwiri mu murima wawe
- Kuvomerera bikorwa nibura gatatu mu cyumweru
- Kwicira indabo mu gihe hagaraga ko hari ibisambo cyangwa ibibabi byinshi



Kwicira indabo

- Gushingirira hari indabo zisabwa gushingirirwa ngo zizatange ururabo rwiza



Indabo za carnation

- Gutera ifumbire: ifumbire y'imborera ikoreshwa mugutera indabo ingana na toni 2.5 kuri hegitare imwe naho ifumbire yimvaruga iri hagari y'ibiro 250 kugeza kuri 450kg.
Iyo fumbire mvaruganda iba igizwe n'imyungu ya NPK 8:8:8, 14:10:14 Magnesium sulphate, Calcium Ammonium Nitrate, MOP
Ifumbire ishobora gukoreshwa ugitera cyangwa igakoreshwa irunde rw'ururabo mu gihe ururabo rutangiye gupfundika .